


RWANDA REVENUE AUTHORITY
TAXES FOR GROWTH AND DEVELOPMENT

# UMUSORO W'IPATANTI

HERE FOR YOU TO SERVE

Inyigisho zikubiye muri iyi nyandiko zakuwe mu Itegeko nº 048/2023 ryo ku wa 05/09/2023 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage (inzego z'ibanze).

## UMUSORO W'IPATANTI NI IKI?

Umusoro w'Ipatanti ni umusoro utangwa n'umuntu wese utangije igikorwa cyose cy'ubucuruzi mu Karere.

## IGIHE CY'UMUSORO W'IPATANTI

Igihe cy'umusoro w'ipatanti gitangira ku itariki ya mbere Mutarama kikarangira ku itariki ya 31 Ukuboza.

Iyo ibikorwa by'ubucuruzi bisoreshwa bitangiye nyuma y'ukwezi kwa Mutarama, usora atanga umusoro w'ipatanti ungana n'amezi y'umwaka asigaye kugira ngo umwaka urangire, habariwemo n'ukwezi ibikorwa byatangiyemo.

Ku basora bakora ibikorwa by'ubucuruzi bidahoraho cyangwa by'ingarukagihe, umusoro w'ipatanti utangwa ku mwaka wose kabone n'iyo ibikorwa by'ubucuruzi bisoreshwa byaba bidakorwa mu mwaka wose.

## ABASONEWE UMUSORO W'IPATANTI:

- Inzego za Leta zidakora ibikorwa by'ubucuruzi;
- Ibikorwa by'ubucuruzi bito n'ibiciriritse mu myaka ibiri ya mbere ikurikira iyandikishwa ryabyo muri RDB

## IMENYEKANISHA RY'UMUSORO W'IPATANTI

- **Ibishyirwa mu imenyekanisha ry'umusoro w'ipatanti**

Amakuru arambuye yerekeye ibikorwa by'ubucuruzi bisoreshwa harimo n'umusoro ugomba gutangwa usora yibariye ubwe.

Umukono w'usora cyangwa umuhagarariye mu buryo bwemewe n'amategeko

- **Imenyekanisha ry'umusoro w'ipatanti ku bikorwa by'icyicaro gikuru n'amashami**

Iyo amashami yose ari mu Karere kamwe n'icyicaro gikuru, usora yishyura ipatanti hashingiwe ku gicuruzo cy'icyicaro gikuru.

Iyo amashami ari mu Karere gatandukanye n'agakoreramo icyicaro gikuru, ayo mashami yishyurirwa ipatanti imwe ibariwe ku gicuruzo cy'ishami rimwe ryabonye igicuruzo cyo hejuru.

Iyo hari ishami ridafite igicuruzo cyangwa ridashobora kugaragaza igicuruzo cyaryo, umusoro w'ipatanti umenyekanishwa hashingiwe ku gicuruzo cy'icyicaro gikuru.

- **Imenyekanisha ry'umusoro w'ipatanti hakurikijwe ibikorwa by'ubucuruzi bitandukanye**

Iyo usora akorera ibikorwa by'ubucuruzi bitandukanye mu nyubako zitandukanye, buri gikorwa cy'ubucuruzi gikorerwa imenyekanisha ry'umusoro w'ipatanti.

Iyo ubucuruzi bumwe bugizwe n'ibikorwa byinshi bikorwa n'umuntu umwe mu nyubako imwe, byishyurirwa hamwe umusoro w'ipatanti ubariwe ku gicuruzo rusange cy'ibyo bikorwa by'ubucuruzi. Ikinyabiziga cyanditse k'usora ukora ibikorwa

bitandukanye kandi cyifashishwa mu mirimo ye, ntabwo cyishyurirwa umusoro w'ipatanti ukwacyo.

- **Imenyekanisha ry'umusoro w'ipatanti w'ibikorerwa mu turere turenze kamwe**

Iyo ubucuruzi bukorerwa ku butaka bwambukiranya imbibi z'Akarere, usora amenyekanisha umusoro w'ipatanti muri buri Karere akoreramo.

## KUBARA UMUSORO W'IPATANTI

- **Ibikorwa bibyara inyungu bisoresherezwa ku byacurujwe**

| Igicuruzo | Umusoro w'ipatanti ku mwaka/Igihembwe |
|---|---|
| 50.000.000.000 Frw kujyana hejuru | 2.000.000 Frw / 500.000 Frw |
| 25.000.000.000 Frw kugeza kuri 50.000.000.000 Frw | 1.500.000 Frw/375.000 Frw |
| 1.000.000.000 Frw kugeza kuri 25.000.000.000 Frw | 1.000.000 Frw/250.000 Frw |
| 200.000.000 Frw kugeza kuri 1.000.000.000 Frw | 500.000 Frw/125.000 Frw |
| 20.000.000 Frw kugeza kuri 200.000.000 Frw | 280.000 Frw/70.000 Frw |
| 12.000.000 kugeza kuri 20.000.000 | 160.000 Frw/40.000 Frw |
| 7.000.000 Frw kugeza kuri 12.000.000 Frw | 120.000 Frw /30.000 Frw |
| 2.000.000 Frw kugeza kuri 7.000.000 Frw | 100.000/25.000 Frw |

**Icyitonderwa:**

Amafaranga yose yacurujwe ashingirwaho mu kubara umusoro w'ipatanti ni umubare w'ibyacurujwe mu mwaka uheruka. Icyakora usora ugitangira igikorwa cy'ubucuruzi amenyekanisha kandi akishyura umusoro w'ipatanti ashingiye ku mubare w'igishoro atangije ubucuruzi bwe.

- **Ibindi bikorwa bibyara inyungu bibarirwa umusoro w'ipatante.**

| Ibikorwa | Umusoro mwaka /igihembwe |
|---|---|
| Ibikorwa bibyara inyungu byo mu mijyi bitanditse ku musoro ku nyungu | 60.000 Frw / 15.000 Frw |
| Ibikorwa bibyara inyungu byo mu cyaro bitanditse ku musoro ku nyungu | 30.000 Frw /7.500 Frw |
| Ibikorwa byo gutwara abantu cyangwa ibintu mu modoka y'umuntu ku giti cye. | 40.000 Frw /10.000 Frw kuri buri modoka |
| Ibikorwa byo gutwara abantu cyangwa ibintu mu bwato. | 20.000 Frw /5.000 Frw kuri buri bwato |
| Ibikorwa byo gutwara abantu cyangwa ibintu kuri moto | 8.000 Frw /2.000 Frw kuri buri moto |

## IGIHE CYO KUMENYEKANISHA NO KWISHYURA UMUSORO W'IPATANTI

Usora wese ageza imenyekanisha ry'umusoro w'ipatanti ku Kigo cy'Imisoro n'Amahoro bitarenze itariki ya 31 Mutarama y'umwaka uhwanye n'igihe cy'isoresha.

Iyo umusoro w'ipatanti udatanzwe ku itariki ugomba gutangirwaho, usora ntiyemererwa gutangira cyangwa gukomeza ibikorwa bye by'ubucuruzi atabanje kwishyura.

Ibikorwa by'ubucuruzi bitangiye mu gihe usora afite ibirarane by'umusoro w'ipatanti atarishyura, biba binyuranyije n'amategeko. Urwego rusoresha rufite ububasha bwo kubihagarika

## ISUBIZWA RY'UMUSORO W'IPATANTI

Iyo usora ahagaritse cyangwa ahinduye ibikorwa bye by'ubucuruzi hagati mu mwaka usoreshwa, asubizwa, nyuma y'igenzura, umusoro w'ipatanti yatanze hakurikijwe amezi asigaye kugera ku itariki ya 31 Ukuboza kw'igihe cy'umusoro

**Ku bindi bisobanuro mwabaza kuri Aderesi ikurikira:**

Call Center: 3004

E-mail:info@rra.gov.rw

Website: www.rra.gov.rw

**Werurwe 2024**

3004 @rrainfo Rwanda Revenue Authority Rwanda Revenue